# Amadarubindi yo kubona ubwirakabiri:

## Amabwiriza y'ikoresha




*Ubwirakabiri bw'izuba bwuzuye*

*Kuwa mbere, tariki 8 Mata 2024*

*© 2018-2024*
*Eclipse2024.org*

# TERMS AND CONDITIONS FOR USE OF ECLIPSE GLASSES

**Please read these Instructions for Use carefully before using the Eclipse Glasses. Your purchase and use of the Eclipse Glasses constitutes your agreement to these Terms and Conditions. Failure to follow these Instructions for Use may result in serious personal injury, including permanent eye damage. If you do not understand these Instructions or cannot follow them diligently and completely, then you should not look at the Sun at any time, with or without the Eclipse Glasses.**

The term "Eclipse Glasses" refers to the special cardboard-and-polymer optical products, marked "ISO 12312-2" and "SAFE FOR DIRECT SOLAR VIEWING", manufactured by Rainbow Symphony of Reseda CA or American Paper Optics of Bartlett TN, and sold by Eclipse2024.org for the purpose of viewing the Sun during the solar eclipse of April 8, 2024, by or under the direct supervision of a person 18 years of age or above and in accordance with these Instructions for Use.

Observing the Sun directly, without the benefit of eye protection provided by the Eclipse Glasses, will likely result in serious personal injury, up to and including permanent eye damage and blindness. When these Instructions for Use are followed completely and precisely, the undamaged and unmodified Eclipse Glasses have been proven to be safe and effective in allowing direct, short-term viewing of the Sun. If these Instructions for Use are not followed, or if damaged or modified Eclipse Glasses are used, permanent eye injury could result.

You should never look directly at the Sun, with or without the aid of the Eclipse Glasses, if you have any temporary or permanent medical or other condition which either (1) prevents your use of the Eclipse Glasses according to these Instructions for Use, or (2) which predisposes you to an increased or special risk of incurring, worsening, or contributing to the effects of any optical condition, or other medical, health, or other condition, by looking or attempting to look at the Sun.

You should never attempt to perform any other activity (such as driving or walking) while using the Eclipse Glasses.

You agree that if you allow others to use the Eclipse Glasses, you will provide each such user with a copy of these Instructions for Use and will make sure such user reads and understands the Instructions for Use before using the Eclipse Glasses.

By using the Eclipse Glasses to view the Sun, you agree with the following:

(a) you understand these Instructions for Use completely;
(b) you understand and accept the risks associated with improper use of the Eclipse Glasses;
(c) you accept full responsibility for, and assume all risks associated with, the act of viewing the Sun, with or without the use of the Eclipse Glasses; and
(d) the Eclipse Glasses are fragile, and any damage or modification will render them immediately and permanently unusable for their intended purpose.

By way of purchasing and using the Eclipse Glasses, you are irrevocably releasing, indemnifying, and holding harmless the manufacturer and seller from any liability, loss, claim and expense (including attorney's fees), including but not limited to bodily injury or other personal harm, which may result from using the Eclipse Glasses under any circumstances or conditions and irrespective of jurisdiction. Neither the manufacturer nor the seller will be responsible for any damages of any kind, irrespective of reasons, conditions or circumstances, including malfunctioning of the Eclipse Glasses. All risks associated with using the Eclipse Glasses rest solely and entirely with the user, irrespective of whether the Eclipse Glasses are used by the original purchaser or any third party. You fully understand and assume the risks in using the Eclipse Glasses. You confirm that you have read this release of liability and fully understand its terms and that you have given up substantial rights by purchasing and using the Eclipse Glasses.

THE MANUFACTURER AND SELLER OF THE ECLIPSE GLASSES MAKE NO WARRANTY OF ANY KIND, EXPRESSED OR IMPLIED, WITH RESPECT TO THE ECLIPSE GLASSES, INCLUDING BUT NOT LIMITED TO THE IMPLIED WARRANTIES OF MERCHANTABILITY, FITNESS FOR A PARTICULAR PURPOSE, AND NON-INFRINGMENT. NEITHER THE MANUFACTURER NOR THE SELLER SHALL BE LIABLE FOR ANY OTHER DAMAGES, INCLUDING BUT NOT LIMITED TO DIRECT, INDIRECT, INCIDENTAL, SPECIAL, CONSEQUENTIAL, OR EXEMPLARY DAMAGES, WHETHER IN AN ACTION IN CONTRACT OR TORT (INCLUDING NEGLIGENCE AND STRICT LIABILITY), SUCH AS, BUT NOT LIMITED TO, LOSS OF ANTICIPATED PROFITS OR BENEFITS RESULTING FROM, OR ARISING OUT OF, OR IN CONNECTION WITH THE USE OR FURNISHING OF THE ECLIPSE GLASSES OR THE PERFORMANCE, USE OR INABILITY TO USE THE SAME, EVEN IF THE MANUFACTURER OR SELLER HAS BEEN ADVISED OF THE POSSIBILITY OF SUCH DAMAGES. IN NO EVENT WILL THE MANUFACTURER'S OR SELLER'S TOTAL LIABILITY EXCEED THE PRICE PAID FOR THE PRODUCT.

Note Regarding Translations

Translations of these Instructions for Use into various languages are provided "AS-IS" and solely for the convenience of the reader. Eclipse2024.org has made reasonable efforts to ensure the accuracy of the Translations; however, in the event of any perceived discrepancy in meaning or interpretation between the English version and any Translation, the English version will prevail. You should not act in reliance on anything contained in any Translation of these Instructions for Use, but should refer to the official English version.


*© 2014-2024 Eclipse2024.org*


# *Ubwirakabiri bw'izuba bwuzuye – tariki 8 Mata 2024*

**Murakaza neza muri America y'amajyaruguru!**

Dutewe ishema n'uko mwahisemo gusura umugabane wacu ngo mubashe kubona ubwirakabiri bw'izuba bwuzuye, kandi twifuza ko buri wese yabasha kubona ibi birori by'akataraboneka mu mutekano!

*Dutanze aya mabwiriza mu Kinyarwanda mu rwego rwo kuborohereza gusa. Aya mabwiriza n'amabeshyuza ("Amabwiriza") ari mu rurimi rw'icyongereza niyo soko y'amakuru n'ifashayobora byuzuye ku buryo bwiza kandi buboneye bwo gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabiri mu kureba izuba. Amabwiriza aboneka kuri https://tinyurl.com/2024Instructions, kandi ugomba kuyasoma, ukayumva ndetse ukanayakurikiza kugira ngo ubashe gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabiri.* ***Kudakurikiza Amabwiriza bishobora gutera ukwangirika ku mubiri.***

Inzobere mu bijyanye n'isanzure zise ubwirakabiri bwo kuya 8 Mata, 2024 "ubwirakabiri bwuzuye", ariko kugira ngo ubashe kubona ubwuzure, ugomba kuba uherereye ku butaka bw'ubuso buto bwambukiranya America y'amajyaruguru (bwiswe "inzira y'ubwuzure"). Nuba utari muri iyo nzira, uzabona ubwirakabiri bucagase! Bityo rero ni ngombwa kumenya koko niba uri mu nzira y'ubwuzure, uburyo wabigenza burasobanurwa ku kanya gato.



*Inzira y'ubwuzure*

# IFASHAYOBORA RIHINNYE

# AMABWIRIZA KU BURYO BURAMBUYE

Ijambo "Amadarubindi yo kubona ubwirakabiri", nk'uko ryakoreshejwe muri iyi nyandiko, ryumvikana ko risobanura "Eclipse Glasses" nk'uko rigaragara mu mabeshyuza ari ku rupapuro rwa mbere nsetse n'ahandi hose rigaragara muri iyi nyandiko.

Ugukoresha Amadarubindi yo kubona ubwirakabiri kwawe kugira ngo urebe izuba bigize amasezerano yemewe n'amategeko. Ugomba gukurikiza amabwiriza n'ifashayobora byose bikubiye mu Mabwiriza, kugira ngo ubashe gukoresha Amadarubindi yo kubona ubwirakabiri ureba izuba igihe icyo ari cyo cyose. Niba utumva amabwiriza, cyangwa se niba udashoboye kuyakurikiza yose kandi neza, cyangwa se utemeranya n'ibyo agusaba, usabwe kandi ugiriwe inama yo kutagerageza kureba izuba igihe icyo ari cyo cyose ukoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose.

© 2018-2024
Eclipse2024.org

# *IFASHAYOBORA RIHINNYE RY'AMADARUBINDI YO KUBONA UBWIRAKABIRI*

*Iri fashayobora rihinnye ryakuwe mu mabwiriza arambuye mu Kinyarwanda, usabwe gusoma, ukayumva,ndetse ukayakurikiza uko yakabaye kugira ngo ubashe gukoresha Amadarubindi yo kubona ubwirakabiri mu kureba ubwirakabiri.*

1) **Reba aho uherereye kuri eclipse2024.org/find-times kugira ngo urebe niba aho hantu ubwirakabiri buzaba bwuzuye, kimwe n'umwanya ugereranyije ibyiciro bicagase ndetse n'iby'ubwuzure (niba bishoboka) bizamara aho hantu.**

2) **Ubwirakabiri bwuzuye ni ibirori bitangaje, ariko ushobora gusa kwishimira ubwuzure iyo uherereye mu "nzira y'ubwuzure" – ifite gusa ubugari bw'ibirometero 200. Niba ubwuzure butazagaragarira aho uteganya kurebera, twakugira inama dukomeje yo guhindura agace ukazajya mu nzira y'ubwuzure .**

3) **Kugira ngo ukoreshe Amadarubindi yo kubona ubwirakabiri mu kureba ubwirakabiri, uringaniza neza ikirahure cy'amadarubindi yo kubona ubwirakabiri hejuru y'amaso yawe, kugira ngo abe arinzwe kureba mu zuba.**

4) **Igihe ugomba gukoresha Amadarubindi yo kubona ubwirakabiri ureba mu zuba :**
   a. **Niba ubwirakabiri butazaba bwuzuye mu gace uherereyemo, ugomba kuzaburebera mu madarubindi yo kubona ubwirakabiri gihe cyose. KUREBA IZUBA UDAKORESHEJE UBURYO BUKWIYE BWO KURINDA AMASO BISHOBORA KWANGIZA AMASO KU BURYO BUHORAHO!**
   b. **Niba ubwirakabiri buzaba bwuzuye mu gace uherereyemo, UGOMBA kurebera izuba mu madarubindi yo kubona ubwirakabiri mu gihe hari agace gashashagirana k'uruziga rw'izuba kagaragara – n'ubwo kaba kanzinya. KUDAKURIKIZA AYA MAMBWIRIZA BISHOBORA KWANGIZA AMASO YAWE KU BURYO BUHORAHO!**
      i. **Ariko, mu gihe gito cy'ubwuzure GUSA, igihe nta gice gishashagirana na gito cy'uruziga rw'izuba kigaragara, wagombye guhita ureba mu bwirakabiri bwuzuye udakoresheje amadarubindi yo kubona ubwirakabiri.**
      ii. **Mu by'ukuri, nugerageza gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabiri kugira ngo urebe izuba mu gihe cy'ubwuzure, nta kintu na gito uzabona!**
      iii. **UGOMBA guhita ukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabiri ubwuzure bukirangira, maze igice gishashagirana cy'uruziga rw'izuba kikongera kugaragara.**

**5) Muri make,**

**IYO HARI IGICE GISHASHAGIRANA CY'URUZIGA RW'IZUBA KIGARAGARA, UGOMBA GUKORESHA AMADARUBINDI YO KUBONA UBWIRAKABIRI KUGIRA NGO UREBE MU ZUBA!**

*© 2018-2024*
*Eclipse2024.org*

# *AMABWIRIZA ARAMBUYE YO GUKORESHA AMADARUBINDI YO KUBONA UBWIRAKABIRI*

Mbere na mbere, hari amagambo ugomba gusobanukirwa!

Kuri buri bwirakabiri, no kuri buri gace ko ku isi, hari amazina ahabwa ibihe bimwe na bimwe by'ingenzi. Ibi bizwi nka:

| *Izina y'igihe* | *Isobanuramiterere y'igihe* | *Uko bigaragara* *(ubwirakabiri bwuzuye)* | *Uko bigaragara* *(ubwirakabiri bucagase)* |
|---|---|---|---|
| ***C1*** | **Intangiriro y'ikiciro gicagase** |  |  |
| ***C2*** | **Intangiriro y'ubwuzure** |  | ** Ntibibaho! ** |
| ***Mu bwirakabiri rwagati*** | **Hagati mu bwirakabiri** |  |  |
| ***C3*** | **Aho ubwuzure burangirira** |  | ** Ntibibaho! ** |
| ***C4*** | **Aho ikiciro gicagase kirangirira** |  |  |

© 2018-2024

## 1) AMABWIRIZA RUSANGE Y'IKORESHWA RY'AMADARUBINDI YO KUBONA UBWIRAKABIRI



1) [*Niba bishoboka*] Kura mu bubiko witonze amadarubindi yo kubona ubwirakabiri.
2) Mu gihe utarimo ukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabiri yabike neza.
3) Suzuma neza amadarubindi yo kubona ubwirakabiri buri gihe mbere yo kuyakoresha; niba ikirahure cyangiritse cyangwa se gihinnye mu buryo ubwo ari bwo bwose, hita umena ayo madarubindi yo kubona ubwirakabiri, maze [ushake andi mazima]().
4) Niba ikirahure cyangiritse mu buryo ubwo aribwo bwose, ntugakoreshe amadarubindi yo kubona ubwirakabiri ureba izuba igihe icyo ari cyo cyose.
5) Wivana ikirahure mu madarubindi yo kubona ubwirakabiri, kandi wikoresha ikirahure cyavanywemo ureba izuba mu buryo ubwo ari bwo bwose.
6) Ibirahure by' amadarubindi yo kubona ubwirakabiri bifunzemo neza, kandi bitangiritse bizahagarika ingano zangiza z'urumuri rugaragara, ndetse n'imirasire ya UV n'indi mirasire y'izuba yangiza. Bityo rero gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabiri hagendewe ku byerekezo bitangwa n'aya mabwiriza mu kureba izuba igihe icyo ari cyo cyose birizewe. Nta "mirasire y'ubwirakabiri" idasanzwe yatuma kureba izuba byangiza cyane kurushaho cyangwa se buhoro kurushaho mu gihe cy'ubwirakabiri.
7) **Ugomba gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabiri, mu buryo bwavuzwe hano, kugira ngo urebe izuba mu buryo butekanye igihe icyo aricyo cyose hari agace gashashagirana k'uruziga rw'izuba kagaragara. Ibi ni impamo utitaye ku mwanya w'ubwirakabiri (ibihe byiswe "C2" na "C3" nk'uko byavuzwe haruguru) waba wakusanyije bivuye ahantu aho ari ho hose.**
8) Wikoresha icyarimwe amadarubindi yo kubona ubwirakabiri na telesikope, jumeli, kamera, ikirahure, indorerwamo cyangwa igikoresho cyangwa imashini ngengamirasire, igikoresho cyajyana cyangwa se kikagarura urumuri ("Igikoresho ngengamirasire").
9) Ntukarebeshe bene icyo "gikoresho ngengamirasire" mu cyerekezo cy'izuba, kandi ntukarebe ishusho y'izuba ukoresheje "igikoresho ngengamirasire" kitegeye izuba, cyangwa se mu buryo ubwo ari bwo bwose gikusanya, kiboneza cyangwa gihindurira icyerekezo urumuri rw'izuba.
10) Ntugatume amadarubindi yo kubona ubwirakabiri akoreshwa n'inyamaswa, cyangwa se n'umuntu wacitse intege by'igihe gito, udashoboye gusoma, ngo yumve anakurikize ibisabwa kugira ngo abashe gukoresha byizewe amadarubindi yo kubona ubwirakabiri, cyangwa se abashe kwemera ndetse no kwirengera ingaruka z'ibikorwa bye.



11) Gukoresha Amadarubindi yo kubona ubwirakabiri:

    Shyira amadarubindi yo kubona ubwirakabiri neza neza hagati y'amaso yawe n'izuba, hanyuma urebere mu birahure bitangiritse by'amadarubindi yo kubona ubwirakabiri werekeje ku zuba, ugumisha buri gihe ibirahure hagati y'amaso yawe n'izuba. Mu gihe amadarubindi yo kubona ubwirakabir akoze mu bikarito, ushobora guhina igice cy'igikarito ukayambara nk'uko wakwambara amadarubindi asanzwe. Ntukarebe mu zuba igihe hatari ubwirakabiri bwuzuye (aho ni hagati y'igihe cya C2 n'icya C3 urabona mu gishushanyo gikurikira, niba ibyo bihe bizaboneka aho uzaba uherereye), keretse uri kurebera mu birahure bitangiritse by'amadarubindi yo kubona ubwirakabiri.
12) Ntugakoreshe igikoresho icyo aricyo cyose, kitari ibirahure biteye mu madarubindi yo kubona ubwirakabiri kandi byakoranywe nayo, kugira ngo urinde amaso yawe mu gihe ugerageza kureba izuba.
13) Ubaye ufite ikibazo icyo ari cyo cyose kirebana n'aya mabwiriza, wabaza Eclipse2024.org kuri https://tinyurl.com/glasses-questions.

© 2018-2024
Eclipse2024.org

## *2) MENYA IGIHE CYIHARIYE CY'UBWIRAKABIRI MU GACE UHEREREYEMO*

Ugendeye ku makuru yatanzwe kuri eclipse2024.org/find-times ugendeye ku gace uherereyemo, uzuza ibikurikira:

***Aho mperereye, ubwirakabiri:***

| | |
|---|---|
| **BURUZUYE** | **NTIBWUZUYE** |

*(Shyira kimwe mu ruziga)*

| | |
|---|---|
| **Niba ubwirakabiri *BWUZUYE* aho uherereye, kurikiza amabwiriza ari muri:**<br><br>**"UBWIRAKABIRI *BURUZUYE* AHO MPEREREYE"**<br><br>**igice gikurikira:** | **Niba ubwirakabiri *BUTUZUYE* aho uherereye, kurikiza amabwiriza ari muri:**<br><br>**"UBWIRAKABIRI *NTIBWUZUYE* AHO MPEREREYE"**<br><br>**igice gikurikira:** |

## ** UBWIRAKABIRI *BURUZUYE* AHO MPEREREYE **

Uri mu nzira y'ubwuzure, kandi urabona ibirori bidasanzwe by'imbonekarimwe! Ni iby'ingenzi cyane kuba wamenya igihe ubwirakabiri buraba bwuzuye aho uherereye. Urabasha kubimenya ugendeye ku masaha wanditse ahakurikira, ndetse no kubera ko nta gice gishashagirana cy'uruziga rw'izuba kigaragara mu gihe cy'ubwuzure.

1) Ugendeye ku makuru yatanzwe na eclipse2024.org/find-times mu gace bwite uherereyemo, andika igihe ugereranyije buri gihe cy'ubwirakabiri cyanditse aha hakurikira kiza kubera (wibuke guhindura isaha mu gihe cy'agace uherereyemo!):

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| ***Mbere ya C1*** | * Nta bwirakabiri * | |  |  | **UGOMBA** gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabi |
| ***C1*** | **Ikiciro gicagase gitangira saa:** | |  |  | **UGOMBA** gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabi |
| ***C2*** | **Ikiciro cy'ubwuzure gitangira saa:** | |  |  | **Nyuma ya C2**, warebesha amaso yawe gusa |
| ***Mu bwirakabiri rwagati*** | **Buba saa:** | |  |  | **Warebesha amaso yawe gusa!** |
| ***C3*** | **Ikiciro cy'ubwuzure kirangira saa:** | |  |  | Nanone **UGOMBA** gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabiri |
| ***C4*** | **Ikiciro gicagase kirangira saa:** | |  |  | **UGOMBA** gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabi |
| ***Nyuma ya C4*** | * Nta bwirakabiri * | |  |  | **UGOMBA** gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabi |

2) N'ubwo uherereye mu nzira y'ubwuzure, UGOMBA gukomeza gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabiri kugira ngo urebe izuba igihe icyo ari cyo cyose mbere ya C2 cyangwa se nyuma ya C3, igihe ubwirakabiri butuzuye.

© 2018-2024
Eclipse2024.org

3) Ushobora kureba izuba n'amaso gusa (udakoresheje amadarubindi yo kubona ubwirakabiri) iyo:
    a. ubwirakabiri bwuzuye aho uherereye (uri "mu nzira"), kandi
    b. mu bihe by'ubwuzure (ugereranyije ni hagati y'igihe cyo kuva kuri C2 ukagera kuri C3 mu gace wanditse haruguru ko uherereyemo), kandi
    c. **Igihe cyose uruziga rushashagirana rw'izuba rutwikiriwe burundu n'ukwezi**.

Igihe nyacyo cy'ubwuzure kirahindagurika cyane bitewe n'aho uherereye, rero ugomba kumenya mbere kandi ukandika igihe kigereranyije buri bubere. Amasaha wanditse hejuru aragereranyije!

4) Kandi nanone, utitaye ku gihe cyanditswe haruguru, cyangwa se cyakusanyijwe ahandi, **buri gihe ugomba kureba izuba ukoresheje amadarubindi yo kubona ubwirakabiri igihe icyo ari cyo cyose uruziga rushashagirana rw'izuba rugaragara.**

5) Aya mabwiriza aherekejwe n'ubusobanuro bw'amashusho nk'imfashanyigisho zikunganira mu gusobanukirwa.

---

***Ugomba gusoma, ugasobanukirwa, ndetse ukubahiriza ibyanditse bikurikira:***

## NGOMBA GUKURIKIZA AMABWIRIZA YOSE AGENDANYE N'IKORESHWA RY'AMADARUBINDI YO KUBONA UBWIRAKABIRI, KUGIRA NGO MBASHE KUYAKORESHA MU BURYO BUTEKANYE.

# IYO HARI IGICE GISHASHAGIRANA CY'URUZIGA RW'IZUBA KIGARAGARA, NGOMBA GUKORESHA AMADARUBINDI YO KUBONA UBWIRAKABIRI MU GIHE NDIKUREBA IZUBA.

*© 2018-2024*
*Eclipse2024.org*

## ** UBWIRAKABIRI *NTIBWUZUYE* AHO MPEREREYE **

Nturi mu nzira y'ubwuzure, ubwo ntuzabasha kubona ubwiza bw'ubwirakabiri bwuzuye. (Turagushishikariza twivuye inyuma guhindura aho uri ukajya mu nzira y'ubwuzure, kugira ngo nawe wibonere ibyo byiza bitangaje!).

1) Ugendeye ku makuru yatanzwe na eclipse2024.org/find-times mu gace bwite uherereyemo, andika igihe ugereranyije buri gihe cy'ubwirakabiri cyanditse aha hakurikira kiza kubera (wibuke guhindura isaha mu gihe cy'agace uherereyemo!):

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| ***Mbere ya C1*** | * Nta bwirakabiri * | |  |  | **UGOMBA** gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabi |
| ***C1*** | **Ikiciro gicagase gitangira saa:** | |  |  | **UGOMBA** gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabi |
| ***Mu bwirakabiri rwagati*** | **Buba saa:** | |  |  | **UGOMBA** gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabi |
| ***C4*** | **Ikiciro gicagase kirangira saa:** | |  |  | **UGOMBA** gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabi |
| ***Nyuma ya C4*** | * Nta bwirakabiri * | |  |  | **UGOMBA** gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabi |

*(Urabona ko nta gihe cya C2 na C3 cyanditse, kubera ko ubwirakabiri butuzuye mu gace uherereyemo!)*

2) **Kubera ubwirakabiri butuzuye aho uherereye ,buri gihe ugomba gukoresha amadarubindi yo kubona ubwirakabiri kugira ngo urebe izuba**. Nanone kandi turagushishikariza kwimukira mu nzira y'ubwuzure. Wibuke kwitwaza amadarubindi yo kubona ubwirakabiri, kugira ngo ubashe kureba ikiciro gicagase cy'ubwirakabiri mu buryo butekanye!

3) Aya mabwiriza aherekejwe n'ubusobanuro bw'amashusho nk'imfashanyigisho zikunganira mu gusobanukirwa.

---

**NGOMBA GUKURIKIZA AMABWIRIZA YOSE AGENDANYE N'IKORESHWA RY'AMADARUBINDI YO KUBONA UBWIRAKABIRI, KUGIRA NGO MBASHE KUYAKORESHA MU BURYO BUTEKANYE.**

**BURI GIHE NGOMBA GUKORESHA AMADARUBINDI YO KUBONA UBWIRAKABIRI MU GIHE NDEBA MU ZUBA.**

© 2018-2024
Eclipse2024.org

PDF

Kinyarwanda

GRAN ECLIPSE NORTEAMERICANO

GRANDE ÉCLIPSE NORD - AMÉRICAINE

GREAT NORTH AMERICAN ECLIPSE

ECLIPSE .org 2024